

MICT-12-25
07-04-2015
(17 - 1/676ter)

17/676ter
ZS

UMURYANGO W'ABIBUMBYE



Urwego Rwashyiriweho Inkiko
Mpanabyaha Mpuzamahanga

Urubanza N°: MICT-12-25
Itariki: 14 Ugushyingo 2014
Umwimerere: Icyongereza Umwimerere: Icyongereza

Umucamanza: Theodor Meron, Perezida

Gerefiye: John Hocking

POROKIRERI

aburana na

JEAN UWINKINDI

RAPORO Y'UBUGENZUZI Y'UKWAKIRA 2014

Abagenzuzi:

Ms. Jelena Gudurić
Prof. Zbigniew Lasocik
Ms. Xheni Shehu

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals

07/04/2015 11:38

diary brief from

R(RM)14-0079 (K)

Byahinduwe mu Kinyarwanda kandi byemezwa na SSL/TPIR

Urubanza No. MICT-12-25

14 Ugushyingo 2014

AMASHAKIRO

I.	INTANGIRIRO	3
II.	RAPORO MU MAGABO ARAMBUYE	3
	<i>A. Ubutumwa bwa mbere bw'ubugenzuzi.....</i>	3
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 1 Ukwakira 2014</i>	3
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 2 Ukwakira 2014</i>	5
	<i>Gusuzuma dosiye y'urubanza ku itariki ya 2 Ukwakira 2014</i>	7
	<i>Kubonana n'ukuriye ikipe y'Ubushinjacyaha muri uru rubanza ku itariki ya 2 Ukwakira 2014</i>	7
	<i>Kubonana n'umwunganizi mukuru ku itariki ya 3 Ukwakira 2014.....</i>	8
	<i>B. Ubutumwa bwa kabiri bw'ubugenzuzi</i>	8
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 15 Ukwakira 2014</i>	8
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 16 Ukwakira 2014</i>	9
	<i>Kubonana mu buryo butateguwe n'Umwunganizi mukuru wa Uwinkindi mu karuhuko k'Urukiko</i>	12
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 16 Ukwakira 2014 (rirakomeje)</i>	12
	<i>Gusuzuma dosiye y'urubanza ku itariki ya 16 Ukwakira 2014</i>	13
	<i>Kubonana n'Uwinkindi n'umwunganizi mukuru ku itariki ya 16 Ukwakira 2014</i>	13
	<i>C. Ubutumwa bwa gatatu bw'ubugenzuzi</i>	15
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 22 Ukwakira 2014</i>	15
	<i>Iburanisha ryo ku itariki ya 23 Ukwakira 2014</i>	16
III.	UMWANZURO.....	17

I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo yerekeye ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi ruburanishwa n'inkiko zo mu Rwanda hamwe n'ibiganiro abagenzuzi bashyizweho n'Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga («MICT») bagiranye n'abafatanyabikorwa banyuranye, mu Ukwakira 2014 («igihe kirebwa n'iyi raporo»).
2. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, abagenzuzi bashyizweho – Madamu Jelena Gudurić, Porofeseri Zbigniew Lasocik na Madamau Xheni Shehu («umugenzuzi» iyo ari umwe, «abagenzuzi » iyo bafatiwe hamwe) buri wese yakoze urugendo rumwe mu Rwanda¹.
3. Mu gihe kirebwa n'iyi raporo, urubanza rwaburanishijwe inshuro 6: ku itariki ya 1, iya 2, iya 15, iya 16, iya 22 n'iya 23 Ukwakira 2014. Muri izo nshuro zose, abacamanza bose bagize inteko bari bahari. Uwinkindi yari ahari kandi yunganirwaga n'avoka we mukuru witwa Gatera Gashabana n'avoka wungirije witwa Jean-Baptiste Niyibizi («Ubwunganizi»). Ubushinjacyaha bwari buhagarariwe na Jean-Bosco Mutangana na Bonaventure Ruberwa («Ubushinjacyaha cyangwa Porokireri»). Muri iryo buranisha ryose, Ubwunganizi bwatanze imyanzuro yabwo busubiza ibivugwa mu Nyandiko y'ibirego no mu myanzuro mu ikubitiro mu magambo yatanzwe na Porokireri, bувуга ko mu Nyandiko y'ibirego harimo inenge zo mu rwego rw'amategeko n'izishingiye ku byabaye. Abagenzuzi bakurikiranye iburanisha ryabaye kuri ariya matariki yose bifashishije umusemuzi.
4. Iburanisha rizasubukurwa ku itariki ya 12 Ugushyingo 2014, igihe hitezwe ko Ubushinjacyaha buzatanga igisubizo ku myanzuro y'Ubwunganizi.
5. Uretse gukurikirana iburanisha, abagenzuzi babonanye n'Uwinkindi, n'avoka we mukuru, n'umukozi uhagarariye Ubushinjacyaha, kandi basuzumye inyandiko zikubiye muri dosiye y'urubanza².
6. Ibikurikira ni raporo mu magambo arambuye y'ibyo abagenzuzi bakoze mu gihe kirebwa n'iyi raporo.

II. RAPORO MU MAGABO ARAMBUYE

A. Ubutumwa bwa mbere bw'ubugenzzuzi

Iburanisha ryo ku itariki ya 1 Ukwakira 2014

7. Urukiko rwatangiye iburanisha ruvuga ko icyo rubanza gukora mu ikubitiro, ari uguuszuma ikibazo cy'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya

¹ Ubutumwa bwa Madamu Shehu mu Rwanda bwabaye kuva ku itariki ya 1 kugeza ku ya 3 Ukwakira 2014; ubwa Madamu Gudurić bwabaye kuva ku itariki ya 14 kugeza ku ya 16 Ukwakira 2014; ubwa Porofeseri Lasocik kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 23 Ukwakira 2014. Buri mugenzuzi yateguye igice cy'iyi raporo kirebana n'ubutumwa bwe.

² Abagenzuzi babonanye n'Uwinkindi basuzuma inyandiko ziri muri dosiye ye bifashishije umusemuzi.

bashinjura. Urukiko rwategetse abantu bose bari aho gusohoka, uretse ababuranyi. Umugenzuzi yubahirije iryo tegeko, arasohoka.

8. Iburanisha mu ruhame risubukuwe, Urukiko rwatanze incamake y'ibibazo rwari rwasuzumiye mu muhezo³. Urukiko rwatanze umwanzuro warwo mu magambo ku ngamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya bashinjura. Rwasobanuye ko mu batangabuhamya 11 bashinjura, umwe gusa ari we udashaka gutanga ubuhamya mbere yo kubonana n'avoka wa Uwinkindi, kandi abatangabuhamya babiri ntibari iwabo igihe Gerefiye yashakaga kubona amakuru yabo. Hashingiwe ku Ngingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza mu Rwanda⁴, Urukiko rwategetse ko hashyirwaho ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya umunani bashinjura basigaye. Ikindi, Urukiko rwategetse ababishinzwe, kumenya aho abo batangabuhamya basigaye bbarizwa, no kumenya niba bakeneye ingamba zo kubarindira umutekano bakabimenesha Urukiko.
9. Ubwunganizi bwatanze imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo⁵. Uwinkindi yabanje guhabwa ijambo, abwira Urukiko ko atemera ibyaha byose Porokireri amurega. Yavuze ko azatanga ibimenyetso bihagije bimushinjura, hanyuma aha avoka we umwanya kugira ngo akomeze gutanga imyanzuro.
10. Avoka wa Uwinkindi yavuze muri make ku birego biri mu Nyandiko y'ibirego, avuga ko atemera ibyaha byihariye Uwinkindi aregwa n'ibimenyetso Porokireri yatanze mu myanzuro yo mu ikubitiro mu magambo. Ubwunganizi bwavuze ibyo bunenga mu ikubitiro bikurikira: (1) Porokireri yashinje mu buryo butari bwo Uwinkindi icyaha cyo gukora jenoside, kandi na none mu buryo butari bwo yongera mu Nyandiko y'ibirego icyaha cyo kuba Uwinkindi ataragize icyo akora ngo aburizemo jenoside⁶, kandi (2) Inyandiko y'ibirego n'imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo ya Porokireri, ntibisobanura neza bihagije ahantu n'igihe ibyaha bivugwa byakorewe⁷.
11. Ubwunganizi kandi bwavuze ko mu myanzuro yo mu ikubitiro mu magambo, Porokireri yongeyeho, mu buryo butari bwo, ibirego bishya bitari mu Nyandiko y'ibirego, by'umwihariko ko Uwinkindi yagize umurava mu kohereza abicanyi guhiga Abatutsi. Ubwunganizi busubiramo ibiteganywa n'Ingingo ya 14 y'Itegeko rigena

³ Umugenzuzi asanga incamake ihuye n'ibyanditswe mu nyandikomvugo y'iburanishwa ryo mu muhezo, umugenzuzi yasomye ku itariki ya 2 Ukwakira 2014. Reba igika 28 hefpo.

⁴ Ingogo ya 15 y'«Itegeko N°47/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigena Kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda» («Itegeko rigena kwimura imanza»), yiswe «Umutekano w'abatangabuhamya n'inkunga ibagenerwa», mu gika cya 1 iteganya ko: « Mu manza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR, mu Rwego cyangwa mu bindi bihugu, Urukiko Rukuru rugena uburyo bukwiye bwo kurinda umutekano w'abatangabuhamya, kandi rufite ububasha bwo gutegeka ko hashyirwaho ingamba zo kubarindira umutekano zimeze kimwe n'izivugwa mu Ngingo ya 53, iya 69, n'iya 75 z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso y'Urwego».

⁵ Umugenzuzi asanga, mu myanzuro yabwo yo mu ikubitiro mu magambo, Ubwunganizi bwaravuze mbere na mbere ku nyandiko ebyiri: «Imyanzuro y'Ubwunganizi» yatanzwe ku itariki ya 13 Mutarama 2014 (impande ziburana ziyyita kandi «Imyanzuro y'Ubwunganizi isubiza ibiri mu Nyandiko y'ibirego») na «Ingingo z'inyyongera ku Myanzuro» yatanzwe ku itariki ya 3 Kamena 2014.

⁶ Reba Rapororo y'ubugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi (Mutarama na Gashyantare 2014).

⁷ Reba Rapororo y'ubugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi (Mutarama na Gashyantare 2014).

kwimura imanza⁸, bwavuze ko Uwinkindi atamenyeshejwe ibi birego kandi busaba Urukiko kutabyemera. Bwasubiye kandi mu bivugwa mu Ngingo ya 18 y'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda⁹, buvuga ko Porokireri adashobora gukoresha amategeko mpanabyaha yo mu Rwanda kugira ngo asobanure ibyaha bya jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu (ni ukuvuga ingingo ya 114 n'iya 115, n'Ingingo ya 120 n'iya 121 z'Amategeko Ahana), kubera ko ayo mategeko yemejwe nyuma y'uko ibyo byaha bivugwa bikorwa¹⁰.

12. Igihe avoka umwunganira yatangaga imyanzuro, Uwinkindi yagiye asaba uruhushya rwo kugeza ijumbo ku Rukiko no gusobanura ibibazo bimwe na bimwe. Urukiko rwasobanuriye Uwinkindi ko niba yifuza kugira ibintu yongera ku ngingo z'abamwunganira, agomba gutegura imyanzuro yihiariye.
13. Urukiko rwasubitse iburanisha, rwemeza ko rizasubukurwa ku itariki ya 2 Ukwakira 2014.

Iburanisha ryo ku itariki ya 2 Ukwakira 2014

14. Iburanisha ritangira, Ubwunganizi busubiza ikibazo cy'Urukiko, bwemeje ko mu iburanisha ryabaye ejo hashize, bwagejeje ku Rukiko ilisiti y'abatangabuhanya umunani bashyiriweho ingamba zo kubarindira umutekano.
15. Ubwunganizi bwakomeje gutanga imyanzuro yo mu ikubitiro mu magambo, bwibanda by'umwihariko ku byo buvuga ko ari ibintu bivuguruzanya mu Nyandiko y'ibirego no mu buhamya bwanditse bw'abatangabuhanya bashinja ku birebena n'ibirego bivuga ku cyaha cya jenoside.
16. Igihe Uwinkindi yatangaga ingingo zijiyanze na kimwe mu byaha ashinjwa, yasabye uruhushya rwo gusobanurira Urukiko ibintu bimwe. Urukiko rwasanze ibyo Uwinkindi avuga bitandukanye n'ingga zanditse z'avoka we. Avoka we yashubije ko Uwinkindi yasobanuraga gusa ibyanditse mu myanzuro. Urukiko rumaze kongera kugaragaza ko ibyo Uwinkindi avuga ku bintu byabaye atari bimwe n'ibivugwa na avoka we, avoka yavuze ko ibigomba kwandikwa ari ibyavuzwe n'umwunganizi.
17. Nyuma y'isubikwa ry'iburanisha, Urukiko rwavuze ko Uwinkindi yasabye inshuro nyinshi kugira ibyo asobanura kandi avoka yari amaze kuvuga ku mapaji make gusa y'imyanzuro y'Ubwunganizi. Urukiko rwabajije niba Uwinkindi yifuza kwitangira ibisobanuro, kuko ubundi ari avoka ugomba gutanga ingingo.

⁸ Ingingo ya 14 y'Itegeko ryo Kwmura Imanza, ifite umutwe uvuga ngo «Uburenganzira bw'uregwa», mu gika cya 3 iteganya ko: «[uregwa afite uburenganzira bwo] [...] kumenyeshwa bidatinze, mu rurimi yumva kandi mu magambo arambuye, imiterere n'ishingiro ry'ibyo aregwa».

⁹ Ingingo ya 18 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, mu gika cya 2 iteganya ko: «Nta wushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanirwa icyaha keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe».

¹⁰ Reba Itegeko Ngenga Rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, N° 01/2012/OL ryo ku wa 2 Gicurasi 2012. Ingingo ya 114 itanga igisobanuro cy'icyaha cya jenoside naho iya 115 ikagena ihanwa ryacyo. Ingingo ya 120 itanga igisobanuro cy'icyaha cyibasiye inyokomuntu naho ingingo ya 121 ikavuga uko gihanwa. Reba ibisobanuro byo hasi ku rupapuro bifite n° 12 na 15 hepfo.

18. Porokireri yasabye uruhushya rwo kugira icyo ageza ku Rugereko, hanyuma abaza uko imiburanishirize igenda ku birebana n'itangwa ry'imyanzuro y'Ubwunganizi. Porokireri asubira mu Ngingo ya 153(5) y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha¹¹, yavuze ko Uwinkindi agomba kwiregura noneho avoka we akamwunganira. Porokireri avuga ko ibikorwa binyuranyije n'iyo ngingo, abavoka ba Uwinkindi baramushinjura naho we akabunganira.
19. Uwinkindi yashubije ko atumva impamvu Porokireri afite ikibazo ku byerekeye imiburanishirize, avuga ko yireguye igihe bamusomeraga ibirego. Yavuze ko atazi aho ibyaha byakorewe kandi ko Porokireri atinza urubanza.
20. Urukiko rwagaragaje ko rutewe impungenge n'imiterere n'uburebure bw'ingingo zitangwa kandi ruvuga ko Uwinkindi yagombye kuvuga uko abona ibintu. Urukiko rwasobanuye ko Uregwa yagombye gusobanura ibintu, noneho avoka akamwunganira mu by'amategeko.
21. Umwunganizi yashubije ko n'ubwo Ingingo ya 153(5) y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ikoreshwa mu gihe uregwa yemeye icyaha, nta cyo ivuga mu gihe uregwa atemeye ibyo ashinjwa. Abunganizi bavuze ko batumva ingingo za Porokireri zirebana n'imikorere y'Ubwunganizi, kuko umurongo wo kwiregura n'uburyo bwo kubikora bitegurwa n'abavoka hamwe n'uwo bunganira, nk'ikipe. Abavoka bamaze kuvuga ko bateguye igisubizo ku bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, bakomeje kwemeza ko uregwa utazi amategeko adashobora kwiburanira.
22. Urukiko rumaze gusubiramo ko Uwinkindi yafashe ijambo inshuro nyinshi kandi ko ingingo zitangwa ziramutse zidasobanutse neza bitari mu nyungu z'Ubwunganizi, rwavuze ko Uwinkindi agomba gutanga ingingo zirebana n'ibintu byabaye, hanyuma abavoka be bagatanga ingingo zo mu rwego rw'amategeko bashyigikira ibyo avuga.
23. Porokireri yibukije Urukiko ko hashingiwe ku Ngingo ya 153(5), uregwa agomba kwiregura avuga kuri buri gikorwa ibyaha ashinjwa bishingiyeho, hanyuma abavoka be bakamwunganira. Porokireri asubiramo ko ari ihame ry'ibanze ko uregwa agomba kwiregura ku bikorwa ashinjwa, yashimangiye ko iburanisha rigomba gukomeza uko bisanzwe nk'uko biteganya n'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.
24. Ubwunganizi bwashubije ko Ingingo ya 153(5) ikoreshwa gusa muri rusange ku birebana n'uburenganzira bwo gushinjurwa, ko itavuga uburyo ingingo zishinjura zigomba gutangwa.
25. Rumaze kumva ingingo z'ababuranyi, Urukiko rwanzuye ko mbere na mbere, Uregwa agomba kuvuga icyo atekereza kuri buri cyaha ashinjwa, hanyuma abavoka be bakaza gutanga ingingo zo mu rwego rw'amategeko.

¹¹ Ingingo ya 153 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, yiswe «Uburyo urubanza ruburanishwa», mu gika cya 5 iteganya ko: «ushinjwa akiregura, yaba yemera icyaha agasobanura uburyo yagikoze».

26. Uwinkindi yakomeje kwiregura. Urukiko rwamwibukije ko amwe mu mazina ari ay'abatangabuhanya barindiwe umutekano kandi ko agomba gukoresha amazina y'amahimbano bahawe. Uwinkindi yabisabiye imbabazi, kandi ashimangira ko ari ngombwa ko abavoka be batanga ingingo.
27. Uwinkindi yakomeje gutanga ingingo ze kandi asubiza ibibazo binyuranye by'Urukiko birebana n'ibantu bijyanye n'ibyo ashinjwa.
28. Urukiko rwashyize iburanisha rikurikira ku itariki ya 15 Ukwakira 2014.

Gusuzuma dosiye y'urubanza ku itariki ya 2 Ukwakira 2014

29. Ku itariki ya 2 Ukwakira 2014, umugenzi yasuzumye dosiye y'urubanza mu cyumba cyihariye cyari cyateguwe na Gerefiye Mukuru w'Urukiko Rukuru. Umugenzi yasuzumye inyandiko zikurikira: inyandikomvugo y'iburanisha ryo ku itariki ya 18 Nzeri 2014; inyandikomvugo y'iburanisha ryo ku itariki ya 1 n'iryo ku itariki ya 2 Ukwakira 2014; «Ingingo z'inyongera ku myanzuro» zatanzwe n'Ubwunganizi ku itariki ya 3 Kamena 2013; n'ilisiti y'abatangabuhanya barindiwe umutekano yatanzwe n'Ubwunganizi ku itariki ya 2 Ukwakira 2014.

Kubonana n'ukuriye ikiye y'Ubushinjacyaha muri uru rubanza ku itariki ya 2 Ukwakira 2014

30. Mutangana, ukuriye ikiye y'Ubushinjacyaha muri uru rubanza, yavuze ko iburanisha mu rubanza rwa Uwinkindi rigeze kure. Yavuze ko yiteze ko Ubwunganizi «buzamara igihe» butanga igisubizo kirambuye ku bikubiye mu Nyandiko y'ibirego. Mutangana yavuze ko asanga Ubushinjacyaha buzatanga ingingo zanditse n'izo mu magambo busubiza imyanzuro mu ikubitiro mu magambo y'Ubwunganizi, kandi ko buzarangiza gutanga ibimenyetso bishinja mu mwaka utaha hagati.
31. Ku birebana n'itangwa ry'ingingo z'Ubwunganizi, Mutangana yasanze Urukiko rwarafashe icyemezo cyo gukomeza kuburanisha hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.
32. Ku birebana n'ikibazo cy'uko umugenzi atari mu iburanisha ryabaye mu muhezo, Mutangana yasobanuye ko nta cyo ababuranyi bavuze kuri icyo kibazo mu iburanisha ryabaye mu muhezo ku itariki ya 1 Ukwakira 2014. Yavuze ko hashingiwe ku Ngingo ya 21 y'Itegeko rigena kwimura imanza¹², abagenzi yashobora gukurikirana iburanisha ribereye mu muhezo. Mutangana yongeyeho ko hagomba gushyirwaho uburyo bwemewe n'Urukiko rwo gufasha mu gusemurira abagenzi.

¹² Ingingo ya 21 y'Itegeko rigena kwimura imanza, yiswe «Gukurikirana imanza», mu gika cya 1 iteganya ko: «Hakurikijwe ingingo ya 11 bis D) iv) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso y'Urwego, Umushinjacyaha w'Urwego ashobora gushyiraho abantu bashinzwe gukurikirana imiburanishirize y'imanza zimuriwe mu Rwanda».

Kubonana n'umwunganizi mukuru ku itariki ya 3 Ukwakira 2014

33. Gashabana, avoka mukuru wa Uwinkindi, yabyukije ikibazo kirebana n'abatangabuhamya bashinjura baba hanze y'u Rwanda, avuga ko icyo ari kimwe mu bibazo bitarakemurwa bafitanye na Ministeri y'Ubutabera. Yasobanuye ko hashize nk'amezi 18 Ubwunganizi bumenyesheje Minisiteri y'Ubutabera ibyo bukeneye mu rwego rw'amarafaranga. Minisiteri y'Ubutabera ntiyemeye ibyo Ubwunganizi bwasabye kandi ntabwo iyo minisiteri iragira ikindi gitekerezo gishya izana. Yakomeje gusobanura ko amasezerano arebana n'ibigenerwa abavoka, yashyizweho umukono n'abunganizi na Minisiteri y'Ubutabera, ateganya ko icyo kibazo kizavugwaho n'impande zombi.
34. Gashabana yavuze ko Ubushinjacyaha bwokeje igitutu ikipe y'Ubwunganizi bwemeza ko Ubwunganizi «bushaka ko Leta ikoresha amafaranga menshi». Yashimangiye ariko ko Ubwunganizi buharanira ko buhabwa amafaranga n'igihe bihagije kugira ngo bushobore kurengera uburenganzira bw'Uregwa bwo gucirwa urubanza ruboneye. Yavuze kandi ko urubanza nshinjabaya mpuzamahanga rw'insobe kandi rubamo inama nyinshi n'imyiteguro myinshi rusaba igihe n'uburyo.
35. Ku birebana n'iburanisha, Gashabana yavuze ko ibintu birushaho kugenda neza mu rubanza rwa Uwinkindi, atanga urugero rw'icyemezo cy'Urukiko cyo guha Ubwunganizi ige cyo gutanga ingingo mu buryo burambuye. Gashabana yasobanuye ko yiteze ko ikibazo cy'abatangabuhamya bataba mu Rwanda kizaba «ikizami gikomeye» muri uru rubanza.

B. Ubutumwa bwa kabiri bw'ubugenzi

Iburanisha ryo ku itariki ya 15 Ukwakira 2014

36. Urukiko rwatangiye iburanisha rutangaza ko rukomeza kumva ibyo Ubwunganizi buvuga ku Nyandiko y'ibirego, by'umwihariko ku birebana n'icyaha cya jenoside.
37. Mu ikubitiro, Uwinkindi yavuze ku bibazo bibiri. Icyu mbere, yavuze ko yifuza ko itangazamakuru rikosora ibyo ryavuze ko abantu bari bateraniye iwe bishwe n'Interahamwe kuko atari byo yavuze. Icyu kabiri, yavuze ku byo Porokireri yemeje ko yateshutse ku nshingano ze nk'umushumba, kandi yemeza ko ibyo atari ko byagenze.
38. Urukiko rwasobanuye ko nta bubasha rufite ku banyamakuru n'ukuntu batangaza amakuru yabo, hanyuma rusaba Uwinkindi gukomeza gutanga ingingo ze.
39. Nta zindi ngingo Uwinkindi yatanze. Nyuma yaho avoka we yakomeje kuvuga ku birego bishingiye ku bintu byabaye bivugwa mu Nyandiko y'ibirego.
40. Igihe avoka yatangaga ingingo ze, Urukiko rwagiye runyuzamo rukabaza Uwinkindi ibibazo binyuranye ku bintu byabaye (Urugero: umubare w'abantu bapfuye mu bari bahungiye iwe), kandi arabisubiza.

41. Avoka yakomeje kuvuga ku bintu byabaye bivugwa mu Nyandiko y'ibirego, kandi akomeza gusubiramo ko ibirego bimwe biri mu Nyandiko y'ibirego bitasobanuwe mu buryo buhagije kugira ngo Uwinkindi ashobore kubyireguraho¹³.
42. Urukiko rwasubitse iburanisha kugeza umunsi ukurikiyeho kugira ngo rukomeze kumva ingingo z'Ubwunganizi.

Iburanisha ryo ku itariki ya 16 Ukwakira 2014

43. Urukiko rumaze gutangiza iburanisha, rwavuze ko umunsi wabanjirije uwo rwari rwumvise amagambo Uwinkindi yavuze ku cyaha cya jenoside, kandi ko uwo munsi rukomeza kumva ibyo avuga ku byaha byibasiye inyokomuntu ashinjwa. Urukiko rwasobanuye by'umwihariko ko Uwinkindi aza kubanza kugeza ingingo ze ku Rugereko, kubera ko azi neza ibyabaye, hanyuma avoka we akaza gutanga iz'inrongera.
44. Avoka yavuze ko, ku birebana n'ingingo yari yagejeje ku Rugereko mbere, yifuza kugira icyo yongeraho asobanurira Urukiko imyitwarire mbonezabupfura ya Uwinkindi. Urukiko rwemeye icyifuzo cya avoka rumusaba ko atanga ingingo ze z'inrongera mu nyandiko, hanyuma aha Urukiko na Porokireri kopi z'ingingo ze.
45. Avoka yakomeje avuga ku byaha uwo yunganira ashinjwa mu Nyandiko y'ibirego. Avoka amaze kwemeza ko Ubwunganizi bwarangije gutanga ingingo zabwo ku cyaha cya jenoside, yifuje kongerahao ingingo imwe ku birebana n'icyo cyaha mbere yo kuvuga ku cyaha gikurikira. By'umwihariko, yavuze ko icyaha cya jenoside, nk'uko kivugwa mu Nyandiko y'ibirego, gishingiye ku Ngingo ya 114 n'iya 115 z'Amategeko Ahana¹⁴. Arik, Inyandiko y'ibirego ivuga kandi ku Ngingo ya 3(c) y'Amasezerano yerekeye icyaha cya jenoside¹⁵, ivuga ko guhamagarira abantu gukora jenoside ari icyaha. Mu gushyigikira icyo kirego, Inyandiko y'ibirego ivuga ko Uwinkindi yari ashyigikiye amabariyeri kandi akaba ari na we washyiraga abantu kuri gahunda. Kubera ko ibi bikorwa bidashyigikira ikirego hashingiwe ku Ngingo ya 3(c) y'Amasezerano yerekeye icyaha cya jenoside, avoka yasabye ko icyo kirego kitakwitabwaho.

¹³ Reba igika 10 kiri haruguru.

¹⁴ Itegeko Ngenga Rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, N° 01/2012/OL ryo ku wa 2 Gicurasi 2012, mu Ngingo ya 114 n'iya 115 riteganya ko: «**Ingingo ya 114: Igisobanuro cy'icyaha cya jenoside:** Icyaha cya Jenoside ni kimwe mu bikorwa bikurikira cyakozwe mu buryo bwataguwe kigamije kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo, bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku ibara ry'uruhu cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara: 1° kwica abo bantu; 2° kubatera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe; 3° kubashyira, ubigambiriye, mu mibereho ishobora gutuma barimbuka bose cyangwa harimbuka igice cyabo; 4° gufata ibyemezo bibabuza kubyara; 5° kubambura ku ngufu urubyaro rwabo ukaruha abandi bantu badahuje». **Ingingo ya 115: Ihanwa ry'icyaha cya jenoside:** «Umuntu wese ukoze, haba mu gihe gisanzwe cyangwa mu gihe cy'intambara, icyaha cya jenoside nk'uko giteganyijwe mu ngingo ibanziriza iyi, ahanishwa igifungo cya burundi cy'umwihariko ».

¹⁵ Amasezerano agamije kubirizamo no guhana icyaha cya jenoside, yemejwe n'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 9 Ukuboza 1948, mu Ngingo ya III ateganya ko: «Ibikorwa bikurikira bahanwa: (a) jenoside; (b) Ubwumvikane bugamije gukora jenoside; (c) Guhamagarira mu buryo butaziguye kandi mu ruhame gukora jenoside; (d) Ubwijiracyaha bwa jenoside; (e) Kuba icyitso cy'abakoze jenoside».

46. Porokireri asabwe n'Urukiko kugira icyo avuga ku gitekerezo cy'Ubwunganizi, yasabye ko gitangwa mu nyandiko, kugira ngo Ubushinjacyaha burusheho kugisobanukirwa.
47. Urukiko rwasabye ko Ubwunganizi butanga ingingo kuri iki kibazo mu nyandiko, ariko runabusaba gusubiramo icyo gitekerezo cyabwo.
48. Avoka yavuze ko azatanga ingingo zanditse nyuma y'icyumweru. Yakomeje gutanga ingingo ze avuga ko: icya mbere, Inyandiko y'ibirego ishinja Uwinkindi icyaha cyo guhamagarira no kubwiriza abandi gukora jenoside, hashingiwe ku Ngingo ya 114 n'iya 115 z'Amategeko Ahana¹⁶. Nyamara ariko, si ingingo ya 114 n'iya 115 z'Amategeko Ahana ziteganya icyaha cyo guhamagarira gukora jenoside, ahubwo ni ingingo ya 132¹⁷. Kubera iyo mpamvu, Inyandiko y'ibirego ifite inenge. Icyu kabiri, avoka yavuze ko, kugira ngo icyaha cya jenoside kigaragazwe, Porokireri agomba kwerekana ko uregwa yari afite igitekerezo cyihariye. N'ubwo Porokireri yavuze ku bikorwa by'ingenzi nk'ubwicanyi, ntabwo ashobora gushingira gusa kuri ibyo bintu kugira ngo agaragaze icyaha cya jenoside. Mu rwego rwo kugaragaza igitekerezo cyihariye, Porokireri avuga gusa, mu Nyandiko y'ibirego, ku zindi manza ziburanishwa mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda («TPIR»), rwanzuye ko mu Rwanda hakorewe jenoside. Ariko, nta sano iri hagati y'urubanza rwa Uwinkindi n'izo manza zindi ku birebana no kugaragaza igitekerezo cyihariye. Avoka avuga ko ibyo bivuze ko Porokireri yananiwe kugaragaza ko Uwinkindi yari afite igitekerezo cyihariye cyo gukora jenoside.
49. Avoka yakomeje avuga ko ubuhamya bw'abatangabuhamya buvuguruzanya. Buvuguruzanya ku mubare w'abantu bahohotewe no ku bindi bintu byihariye. Avoka yasobanuye ko Ubwunganizi bwari bwavuze kuri icyo kibazo ejo hashize.
50. Nyuma yaho, Urukiko rwasabye Uwinkindi «kwiregura» ku cyaha cya kabiri – itsebatsema nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu.
51. Mbere y'uko Uwinkindi akomeza, Porokireri yasabye ijambo avuga ko Ubwunganizi bugomba gukoresha ijambo rishya ku cyaha kivugwa cyibasiye inyokomuntu nk'uko ryemejwe n'amategeko.

¹⁶ Reba igisobanuro cyo hasi ku rupapuro n° 14 haruguru.

¹⁷ Itegeko Ngenga Rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, N° 01/2012/OL ryo ku ya 2 Gicurasi 2012, **Iningo ya 132: Ibindi bikorwa bahanwa nk'icyaha cya jenoside, ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibyaha by'intambara:** «Bitabangamiye ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri Tegeko Ngenga ku byerekeye ubwinjiracyaha n'ubufatanyacyaha, ibikorwa bikurikira bahanishwa ibihano biteganyirijwe ibyaha bivugwa muri uyu Mutwe: 1° gutegeka gukora kimwe mu byaha bahanwa n'iri Tegeko Ngenga n'ubwo kitashyirwa mu bikorwa; 2° gusaba umuntu gukora icyo cyaha no kwemera kugikora; 3° gushishikariza abantu gukora icyo cyaha n'ubwo bitashyirwa mu bikorwa, wifashishije amagambo, amashusho cyangwa inyandiko; 4° kujya umugambi wo gukora icyo cyaha n'ubwo bitashyirwa mu bikorwa; 5° gushyigikira umuntu ushaka gukora icyo cyaha n'ubwo atagishyira mu bikorwa; 6° kumenya umugambi wo gushyira icyo cyaha mu bikorwa cyangwa ibikorwa bigitegura ntugire icyo ukora ngo ubuze ko kiba cyangwa ngo ugihagarike mu bushobozi bwawe; 7° kugerageza gukora icyo cyaha».

52. Avoka yashubije ko Porokireri yashingiye icyaha cyibasiye inyokomuntu ku bivugwa mu Ngingo ya 120 n'iya 121 z'Amategeko Ahana¹⁸. Ariko, n'ubwo hakoreshwa ijambo rishya ku cyaha cyibasiye inyokomuntu Uregwa ashinjwa, ryemejwe n'amategeko mbere y'uko Inyandiko y'ibirego isohorwa, Porokireri yakoresheje ijambo rya kera. Kubera ibyo, Porokireri ntiyubahirije ingingo ya 20 y'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda¹⁹, n'ingingo ya 15 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki²⁰. Avoka yongeyeho ko Porokireri adashobora ubu gukosora iringo kosa, hanyuma asaba Urukiko gufata icyemezo ku ijambo rishya rirebana n'icyo cyaha.
53. Urukiko rwavuze ko ruzafata icyemezo kuri icingo kibazo igithe kigeze. Ubwo rwasabye Uwinkindi gukomeza «kwiregura» ku cyaha cya kabiri no kugira icingo abwira Urukiko ku bikorwa aryozwa.
54. Uwinkindi yasobanuye ko mu Mategeko Ahana mashya ibyaha byibasiye inyokomuntu byaguwe. Yongeyeho ko Porokireri agomba gusobanura neza igithe ibyaha amushinja byakorewe kubera ko mu Nyandiko y'ibirego hatavugwamo igithe runaka. Uwinkindi avuga ko Ubushinjacyaha bwatanze gusa intera y'igithe, ko butazi

¹⁸ Itegeko Ngenga Rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, N° 01/2012/OL ryo ku ya 2 Gicurasi 2012, **Ingingo ya 120:** Igisobanuro cy'icyaha cyibasiye inyokomuntu « Icyaha cyibasiye inyokomuntu ni kimwe mu bikorwa bikurikira gikozwe mu bitero rusange cyangwa bya simusiga byibasiye abaturage batari abasirikare bazira ubwenegihugu bwabo, ibitekerezo bya politiki, ubwoko, cyangwa idini: 1° kwica; 2° kurimbura; 3° gushyira mu bucakara; 4° gutwara bunyago cyangwa kubimura ku ngufu aho bari batuye; 5° gufunga umuntu cyangwa kumwambura uburenganzira bwe bwo kujya aho ashaka mu buryo bunyuranyije n'amategeko; 6° kwica urubozo; 7° gusambanya ku gahato, ubucakara bushingiye ku gitsina, gukoresha uburaya ku gahato, guhagarika urubyaro ku gahato cyangwa ikindi gikorwa icingo ari cya cyose cy'ihohotera rishingiye ku gitsina risa n'ibimaze kuvugwa; 8° gutoteza umuntu umuziza ibitekerezo bye bya politiki, ubwoko, idini cyangwa se ushingiye ku rindi vangura iringo ari ryo ryose; 9° kurigisa abantu; 10° ivangura rishingiye ku ibara ry'uruju; 11° ibindi bikorwa birenze kamere muntu bisa n'ibimaze kuvugwa bikozwe ku bushake bigamije kubabaza cyangwa kwangiza bikabije umubiri cyangwa ubwenge».

Ingingo ya 121: **Ihanwa ry'icyaha cyibasiye inyokomuntu** «Umuntu wese ukora icyaha cyibasira inyokomuntu nk'uko giteganyijwe mu gace ka mbere, aka 2°, aka 3°, aka 6°, aka 7° n'aka 9° tw'ingingo ya 120 y'iri Tegeko Ngenga, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundi cy'umwihariko. Umuntu wese ukora icyaha cyibasiye inyokomuntu nk'uko giteganyijwe mu gace ka 4°, aka 5°, aka 8°, aka 10° n'aka 11° tw'ingingo ya 120 y'iri Tegeko Ngenga, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25). Iyo icyaha cyibasiye inyokomuntu, kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, cyakozwe giherekejwe n'agashinyaguro, uwagikoze ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundi cy'umwihariko».

¹⁹ Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu Ngingo ya 20, riteganya ko: «Nta wushobora guhanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'ighihu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igithe byakorwaga. Na none nta wushobora gucibwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha. Iyo, nyuma y'ikorwa ry'icyaha, amategeko ateganya gutanga igihano cyoroheje, uwakoze icyaha ni icingo gihano ahawwa. 2. Nta kintu na kimwe muri iyi ngingo kizabuza gucira urubanza no guhana umuntu wese kubera icyaha yakoze cyangwa ikintu atakoze, cyafatwaga nk'icyaha n'amahame rusange y'amategeko yemerwa n'umuryango mpuzamahanga, igithe cyakorwaga».

²⁰ Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki, mu Ngingo ya 15, ateganya ko: «1. Nta wushobora guhanirwa icyaha yakoze cyangwa ikintu atakoze, iyo amategeko y'ighihu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igithe byakorwaga. Na none kandi ntawe ushabora guhanishwa igihano kiruta icyari giteganyijwe n'amategeko mu gihe yakoraga icyaha. Iyo, nyuma y'ikorwa ry'icyaha, amategeko ateganya gutanga igihano cyoroheje, uwakoze icyaha ni icingo gihano ahawwa. 2. Nta kintu na kimwe muri iyi ngingo kizabuza gucira urubanza no guhana umuntu wese kubera icyaha yakoze cyangwa ikintu atakoze, cyafatwaga nk'icyaha n'amahame rusange y'amategeko yemerwa n'umuryango mpuzamahanga, igithe cyakorwaga».

igihe ibyo bikorwa byabereye. Kandi nta n'ubwo Ubushinjacyaha bwatanze umubare w'abantu bahohotewe (*urugero*: bavuze ko hapfuye abantu benshi).

55. Urukiko rwasabye Uwinkindi kwibanda ku byabaye bivugwa mu rubanza, akareka ibibazo byo mu rwego rw'amategeko. By'umwihariko, Urukiko rwasabye Uwinkindi gutangira igisobanuro cye avuga ibyabereye kuri za bariyeri, hanyuma agakomeza avuga ku bintu byabaye ku itariki ya 7 n'iya 8 Mata no kuvuga ku bindi bintu bisigaye kimwe ukwacyo. Igihe Uwinkindi yireguraga, Urukiko rwagiye rumubaza ibibazo byihariye (*urugero*: hari amabariyeri angahe, yari he, yari he ku itariki iyi n'iyi). Uwinkindi yahakanye ko yamenye ibyo bintu byabaye kandi ko yaba yarabigizemo uruhare rutaziguye. Urukiko rwavuze ko Uwinkindi afite uburenganzira bwo kuvuga ko atabonye ibyo bintu kandi ko atabigizemo uruhare rutaziguye, rumusaba gutanga amakuru yumvanye abandi arebana n'ibyabaye.

Kubonana mu buryo butateguwe n'Umwunganizi mukuru wa Uwinkindi mu karuhuko k'Urukiko

56. Urukiko rufashe akaruhuko, umugenuzi yegereye Gashabana, avoka mukuru wa Uwinkindi, kugira ngo amusobanuze imyumvire ye y'ibyo yavuze mu ngingo ze ku ijambo rishya rikoreshwa ku cyaha cyibasiye inyokomuntu Uregwa ashinjwa. Gashabana yamusobanuriye ko, mbere, icyo cyaha cyitwaga *itsebatsema*, mu gihe mu Gitabo cy'Amategeko Ahana gishya kitwa *kurimbura*²¹, byombi bikavugwa nk'ibyaha byibasiye inyokomuntu. Mu gihe Amategeko Ahana mashya ateganya icyaha cyo *kurimbura*, Porokireri yashinje Uwinkindi *itsebatsema*, n'ubwo Nyandiko y'ibirego yasohowe Amategeko Ahana mashya yaramaze kwemezwa.
57. Gashabana yavuze ko uko abona ibantu, niba amategeko mashya ateganya icyaha gishya hanyuma Porokireri agashinja Uregwa icyaha cya kera, kuvuga ko ibantu bigize ibyo byaha byombi bisa cyangwa ko icyahindutse gusa ari inyito nta gaciro byahabwa. Gashabana yasobanuye ko Porokireri ubu yari yasabye Urukiko gufata icyo kintu nk'ikosa rito no gutangira kuvuga ko icyaha gishya ari cyo akurikiranyeho Uregwa.

Iburanisha ryo ku itariki ya 16 Ukwakira 2014 (rirakomeje)

58. Nyuma y'akaruhuko k'Urukiko, Uwinkindi yakomeje kuvuga ku bintu byabaye aregwa mu Nyandiko y'ibirego.
59. Uwinkindi amaze gutanga ingingo ze, Urukiko rwasabye avoka gutanga izindi ngingo.
60. Avoka yakomeje kuvuga ku nenge ku bintu bifatika ziri mu Nyandiko y'ibirego, asubiramo ko Ubushinjacyaha, bwavuze intera y'igihe ibantu byabereye mu Nyandiko y'ibirego – kuva ku itariki ya 7 Mata 1994 kugera hagati muri Gicurasi 1994 – bwananiwe gusobanura neza igihe ibyaha byabereye.

²¹ Reba ijambo mu kinyarwanda mu Ngingo ya 120 y'Igitabo cy'Amategeko Ahana mu gisobanuro cyo hasi ku rupapuro gifite n° 18 kiri haruguru.

61. Avoka arangije gutanga ingingo ze, Urukiko rwatangaje ko rugiye kuvuga ku kibazo cy'abatangabuhanya babiri bashinjura basabye ingamba zo kurindirwa umutekano, hanyuma rutegeka ko abantu bose basohoka mu cyumba cy'iburanisha uretse ababuranyi. Ubwo umugenzi na we yarasohotse.

Gusuzuma dosiye y'urubanza ku itariki ya 16 Ukwakira 2014

62. Nyuma y'iburanisha, umugenzi yasabye Gerefiye inyandikomvugo y'iburanisha ry'uwo munsi, arayihabwa.
63. Ibika 64-70 bikurikira birimo amakuru y'ibyavugije mu muhezo.
64. BYAKUWEMO.
65. BYAKUWEMO.
66. BYAKUWEMO.
67. BYAKUWEMO.
68. BYAKUWEMO.
69. BYAKUWEMO.
70. BYAKUWEMO.

Kubonana n'Uwinkindi n'umwunganizi mukuru ku itariki ya 16 Ukwakira 2014

71. Muri uwo mubonano, Uwinkindi yavuze ku bibazo byinshi birebana n'uburyo afunzwemo.
72. Uwinkindi yavuze ko amaze icyumweru arwaye ibicurane. Muganga yaramupimye uwo munsi, mbere y'iburanisha, hanyuma avuga ko aza kumuha imiti, ariko tubonana yari atarayibona.
73. Muri rusange, Uwinkindi yavuze ko uburyo afunzwemo bwagiye burushaho kuba bubi nyuma y'aho uwari umuyobozi wa Gereza, Murenzi, agendeye. Yatanze ingero zinyuranye zihariye zishyigikira ibyo yari amaze kuvuga.
74. Uwinkindi yavuze ko ibyumba by'abafungwa mu gice cyihariye cya gereza²² bitagikorerwa isuku. Yasobanuye ko, mu wa 2011, Ubuyobozi bwa Gereza bwashyizeho umuntu wihariye (undi mufungwa) ushinzwe gufasha abafungwa baba mu gice cyihariye cya gereza imirimo mito mito (gukora isuku, gutera ipasi, gategura ifunguro rya mu gitondo). Impamvu ni uko abafungwa baba mu gice cyihariye cya gereza baba bahugije mu gategura imanza zabo n'ingingo bagomba gutanga mu

²² Igice cyihariye cya gereza («Igice cyihariye») ni igice cyihariye cya gereza nkuru ya Kigali (Gereza ya Nyarugenge) («Gereza») aho Uwinkindi, kimwe n'abandi bagororwa bafite imanza zimuriwe mu Rwanda, bafungiye.

Rukiko, bigatuma batabona umwanya wo gukora iyo mirimo. Murenzi amaze gushyirwaho, yakomeje ubwo buryo bwo gukora ibintu. Ariko, aho umuyobozi wa Gereza mushya aziye, ibyo bimaze nk'ibumweru bibiri bihagaze, kandi ubuyobozi bwa Gereza nta gisobanuro bwatanze. Uwinkindi avuga ko kuba atakibona umuntu umufasha iyo mirimo bitabangamira gusa uburenganzira bwe bwo gucirwa urubanza ruboneye, ahubwo binabangamira imibereho ye myiza. Icyu mbere, gukora imirimo bituma igihe yagombye gukoresha ategura imyiregurire ye kiba gito. Icyu kabiri, kubera ko atagifite umuntu umufasha gutegura ifunguro rya mu gitondo mbere yo kujya mu rubanza, kandi mu gihe cy'iburanisha bakaba batamuha ibiryo cyangwa ibyo kunywa, harimo n'amazi, ifunguro rya mbere abona n'igihe iburanisha risubikiwe, asubiye muri gereza, ubusanzwe nyuma ya saa munani z'amanywa.

75. Uwinkindi yavuze kandi ko adashobora gukoresha uburenganzira bwe bw'idini. N'ubwo ajya mu rusengero buri cyumweru, ntabwo yishimiye uko abafungwa bafatwa. Urugero, Uwinkindi yavuze ko abafungwa batakemerewe kuvugana n'Umushumba. Umuyobozi wa Gereza wahozezo yemereraga abafungwa kuganira no kwirega ku Mushumba, n'ubwo umuntu ushinzwe umutekano yabaga ari hafi aho (kandi abafungwa nta kibazo byabateraga), ariko Uwinkindi avuga ko ibintu atari ko bimeze ubu.
76. Ku byerekeye ibyo kurya, Uwinkindi yavuze ko Ubuyobozi bwa gereza butacyemerera abantu bo mu muryango we kumugemurira ibyo kurya bindi, nk'imbuto. Ibi bimuteye inkeke kuko arya imbuto ahawé na gereza nka rimwe mu kwezi, n'ubwo gahunda yo kugburira abafungwa igaragaza ko bagomba guhabwa imbuto buri munsi.
77. Ku birebana n'uburenganzira bwe bwo gusurwa, Uwinkindi yasobanuye ko adafite ahantu hiherereye ho kubonanira n'inschuti ze n'umuryango we iyo baje kumusura. Na none kandi, Uwinkindi yavuze ko, n'ubwo bubatse ahantu hashya hagenewe kwakira abasura abafungwa, nta hantu hiherereye ho kubonanira n'abunganizi be afite. Uwinkindi yongeyeho ko Ubuyobozi bwa Gereza butubahiriza gahunda yashyizweho y'igihe inschuti n'abavandimwe basuriraho abafungwa. Igihe umuyobozi wa Gereza wagiye yari agihari, ige cyo gusurwa cyari iminota 30, ariko uwo muyobozi yabemereraga ige cy'inyongera, iyo habonekaga umwanya. Ariko ubu, abashinzwe kurinda abafungwa bemera gusa ige gito kurushaho, hagati y'iminota 5 na 20.
78. Umugenuzi asanga ahantu hashya hagenewe kwakira abasura abafungwa ari ahantu hasakaye, ariko harangaye; ni inyubako idafite inzugi cyangwa amadirishya, iri hanze y'igice cyihariye, ahantu hahurirwa n'abantu bose mu gipangu cya gereza. Abantu bahanyura, ni ukuvuga abandi bagororwa, abarinda abafungwa n'abaje gusura abafungwa, bashobora kumva ibyo abaganira bavuga no kubabona.
79. Uwinkindi ahangayikishijwe n'uko umuyobozi mushya wa Gereza ari umusirikare. Avuga ko yababwiye ko ari Liyetona Koloneli.
80. Uwinkindi yavuze ko, ku itariki ya 10 Ukwakira 2014, abafungwa baba mu gice cyihariye basabye kubonana n'umuyobozi wa Gereza mushya, ariko ko nta gisubizo babonye.

81. Ku itariki ya 5 Nzeri 2014, umuvugizi w'Ubushinjacyaha yasuye abafungwa. Baganiriye ku byo u Rwanda rwiyemeje birebana n'abafungwa bimuriwe mu Rwanda. Uwinkindi asobanura ko umuvugizi w'Ubushinjacyaha yabamenyesheje ko u Rwanda ruzubahiriza amategeko yo mu gihugu aho gukurikiza ibyo rwemereye imbere ya TPIR ku birebana n'imanza zimuriwe mu Rwanda. Uwinkindi yemeje ko ayo magambo yatumye abafungwa bafite imanza zimuriwe mu Rwanda bagwa mu kantu.
82. Gashabana, avoka mukuru wa Uwinkindi, yaje muri iyo nama nyuma, mbere y'uko Uwinkindi avuga ibibazo birebana n'urubanza. Uwinkindi yavuze ku kibazo nk'icyo, ariko amaze kubiganiraho n'avoka we, avuga ko igithe kitaragera cyo kuvuga kuri icyo kibazo. Bibaye ngombwa yazongera kukigarukaho.

C. Ubutumwa bwa gatatu bw'ubugenzuzi

Iburanisha ryo ku itariki ya 22 Ukwakira 2014

83. Muri iri buranisha, Ubwungabizi bwakomeje gutanga igisubizo cyabwo ku Nyandiko y'ibirego no ku myanzuro yo mu ikubitiro ya Porokireri mu magambo.
84. Uwinkindi abyukije ibibazo binyuranye.
85. Icyo mbere, yavuze ko abatangabuhanya banyuranye batanze ubuhanya busa. Yavuze ku buhamya nk'ubwo bwinshi, kandi yemeza ko ibi bigaragaza ko abo batangabuhanya batojwe ibyo bagomba kuvuga.
86. Urukiko rwasabye ko kuva ubu, Ubwunganizi nibugira icyo bushaka kuvuga cyangwa gutangaza bugomba kubitanga mu ngingo zanditse mu buryo bwemewe.
87. Icyo kabiri, Uwinkindi yemeje ko abatangabuhanya bavuze ku bintu bumvise aho gutanga ubuhanya ku bintu bahagazeho. Ibi bisobanuye ko abatangabuhanya bavuga ku bintu bumvise aho gutanga ubuhanya ku byo biboneye.
88. Icyo gatatu, Uwinkindi yatanze ingero zinyuranye z'ubuhanya bwanditse bw'abatangabuhanya bugaragaza ko bwahinduwe mu kinyarwanda buwanwa mu zindi ndimi, n'ubwo bwose abatangabuhanya babutanze bavugaga ikinyarwanda gusa. Porokireri yasobanuye ko ubwo buhamya bwakorewe abapererezi batavugaga ikinyarwanda.
89. Hanyuma, Uwinkindi yavuze ko inyandiko zishyigikira Inyandiko y'ibirego mu by'ukuri zidashyigikira ibirego bye. Yatanze urugero rumwe kugira ngo agaragaze ibyo yavugaga.
90. Nyuma y'akaruhuko k'Urukiko, Ubwunganizi bwakomeje gutanga igisubizo cyanditse ku Nyandiko y'ibirego, kandi bugenda bugaragaza ibintu byinshi bivuguruzanya mu buhamya bwa bamwe mu batangabuhanya bihariye.

Iburanisha ryo ku itariki ya 23 Ukwakira 2014

91. Iburanisha ryatangiye avoka wa Uwinkindi akomeza gusobanura ingingo zanditse zikubiye mu gisubizo cy'Ubwunganizi ku Nyandiko y'ibirego.
92. Igihe kimwe, haje ikibazo cy'uko umutangabuhanya umwe urindiwe umutekano yahawe mu rubanza amazina abiri atandukanye. Ubushinjacyaha bwavuze ko amazina amwe yatanzwe na TPIR andi agatangwa n'Urukiko rwo mu Rwanda, bwiyemeza gukurikirana icyo kibazo no kumenyesha Urukiko ibyo buzaba bwagezeho mu iburanisha rikurikira.
93. Ubwunganizi bumaze gutanga ingingo zabwo ku Nyandiko y'ibirego, bwamenyesheje Urukiko ko buzahamagaza abatangabuhanya bashinjura 72 bo gushyigikira ingingo zabwo, bukerekana n'ikarita igaragaza ahakorewe ibyaha. Urukiko rwasabye ko Ubwunganizi buha Ubushinjacyaha n'Urukiko ilisiti y'abatangabuhanya buzahamagaza.
94. Nk'ikibazo gitandukanye n'ibindi, Ubwunganizi bwashimangiye ko butahawe amafaranga yo gushakisha abatangabuhanya, no gushyikirana n'abatangabuhanya babarizwa mu mahanga. Kubera ko kubura amikoro bituma impande ziburana zitanganya imbaraga, Ubwunganizi bwasabye ko Urukiko rubushyigikira kugira ngo bubone amafaranga akwiriye. Urukiko rwamenyesheje Ubwunganizi ko bugomba kugeza ibyifuzo birebana n'amafaranga kuri Guverinoma, aho kubishyikiriza Urukiko.
95. Ubushinjacyaha bwasabye igihe cy'inyongera kugira ngo butegure igisubizo ku ngingo Ubwunganizi bwatanze busubiza ibikubiye mu Nyandiko y'ibirego.
96. Urukiko rwashyize iburanisha rikurikira ku itariki ya 12 Ugushyingo 2014, saa mbiri n'igice za mu gitondo.

III. UMWANZURO

97. Abagenzuzi biteguye gutanga amakuru y'inyongera, hakurikijwe amabwiriza ya Perezida.

Bitanzwe ku itariki ya 14 Ugushyingo 2014

[umukono]
Madamu Jelena Gudurić
Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi
The Hague, mu Buholand

[umukono]
Porofeseri Zbigniew Lasocik
Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi
Warsaw, Polonye

[umukono]
Madamu Xheni Shehu
Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi
Arusha, Tanzaniya.



**TRANSMISSION SHEET FOR FILING OF TRANSLATIONS
WITH THE ARUSHA BRANCH OF
THE MECHANISM FOR INTERNATIONAL CRIMINAL TRIBUNALS**

To	MICT Registry			
From	<input type="checkbox"/> ICTY CLSS	<input checked="" type="checkbox"/> ICTR LSS		
Original Submitting Party	<input type="checkbox"/> Chambers	<input type="checkbox"/> Defence	<input type="checkbox"/> Prosecution <input checked="" type="checkbox"/> Other Monitors	
Case Name	UWINKINDI	Case Number	MICT-12-25 No. of Pages 17	
Original Document No.	MICT-12-25-0049	Translation Reference No.	R(RM)14-0079(K)	
Date of Original	31/08/2014	Original Language	<input checked="" type="checkbox"/> English <input type="checkbox"/> French <input type="checkbox"/> Kinyarwanda	
Date Transmitted	07/04/2015	Language of Translation	<input type="checkbox"/> English <input type="checkbox"/> French <input checked="" type="checkbox"/> Kinyarwanda	
Title of original document	MONITORING REPORT OCTOBER 2014			
Title of translation	RAPORO Y'UBUGENZUZI Y'UKWAKIRA 2014			
Classification Level	<input checked="" type="checkbox"/> Unclassified <input type="checkbox"/> Confidential <input type="checkbox"/> Strictly Confidential	<input type="checkbox"/> Ex Parte Defence excluded <input type="checkbox"/> Ex Parte Prosecution excluded <input type="checkbox"/> Ex Parte R86(H) Applicant excluded <input type="checkbox"/> Ex Parte Amicus Curiae excluded <input type="checkbox"/> Ex Parte other exclusion (specify):		
Document type/ Type de document:	<input type="checkbox"/> Indictment <input type="checkbox"/> Warrant <input type="checkbox"/> Motion <input type="checkbox"/> Decision	<input type="checkbox"/> Order <input type="checkbox"/> Affidavit <input type="checkbox"/> Correspondence <input type="checkbox"/> Judgement	<input type="checkbox"/> Appeal Book <input checked="" type="checkbox"/> Submission from non-parties <input type="checkbox"/> Submission from parties <input type="checkbox"/> Book of Authorities	<input type="checkbox"/> Notice of Appeal